REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO B Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N°007 /07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KU WA 02 KAMENA 2011

Kuri uyu wa Kane tariki ya **02 Kamena 2011** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa tatu n'igice za mu gitondo **(09H30)** hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel** , wabanje kwibutsa Abajyanama ko inama idasanzwe y'Inama Njyanama yiga ku ngingo zateganyijwe gusa.

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama:

1. **Kwakira imihigo 2011– 2012 y'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge**
2. **Kwakira imihigo y'Akarere ka KAMONYI 2011 - 2012**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku ngingo, Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI** bafashe ibyemezo bikurikira:

Ingingo ya 1: **Kwakira imihigo 2011 – 2012 y'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge**

Kuri iyi ngingo Abajyanama bagejejweho imihigo y'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge **2011 – 2012** n'uburyo besheje imihigo **2010 – 2011** yashyizwe mu bikorwa. Abajyanama bakaba barakiriye iyi mihigo bamaze kuyikorera ubugorarangingo no kubagira inama inama yo kujya biyemeza ibyo bazashobora gukora no gukosora bimwe byagaragajwe,nko kuba hari abahiga kuzageza amazi meza kuri buri rugo nyamara bakwiye guhiga kugabanya urugendo umuturage akora ashaka amazi meza .

Abajyanama bamaze kugezwaho isuzuma ry'imihigo **2010 – 2011** ryakorewe imirenge, imirenge iikurikirana mu manota ku buryo bukurikira :

UMWANYA	UMURENGE	AMANOTA%
1	MUGINA	83
	KARAMA	83
2	NYAMIYAGA	81
	NGAMBA	81
	NYARUBAKA	81
	RUNDA	81
3	KAYENZI	78
	RUKOMA	78
	MUSAMBIRA	78
	KAYUMBU	78
4	RUGALIKA	76
	GACURABWENGE	76

Imirenge yabaye iya mbere ikaba yaragaragaje ibikorwa bigaragarira amaso kandi bihurijwe hamwe, imikoranire inoze y'Abakozi no kubayaza umusaruro ku buryo busesuye amahirwe no guteza imbere ibisanzwe bikorwa mu Murenge.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga raporo y'isuzuma ry'imihigo y'Imirenge **2010 - 2011**

Nubwo hari ahagaragaye imbaraga nke mu mihigo y'Imirenge, Abajyanama bashimye Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge uburyo besheje imihigo n'uburyo bakora neza kuko nta Murenge watsinzwe nk'uko amanota Imirenge yabonye abyerekana, babashishikariza gukomeza gukora neza.

Ingingo ya 2: Kwakira imihigo y'Akarere ka KAMONYI 2011 – 2012

Umujyanama **RUTSINGA Jacques** yagejeje ku Bajyanama Imihigo y'Akarere ka **KAMONYI 2011 – 2012.** Abajyanama bakaba basabye ko ibi bikurikira nabyo byagaragazwa mu mihigo :

- Gushyigikira Inama y'Igihugu y'Abagore
- Kwita ku babana n'Ubumuga no gushyigikira Inama y'Igihugu y'Ababana n'ubumga
- Gushyigikira Koperative **KIRA**

Abajyanama bamaze kuyitangaho ibitekerezo bemeje imihigo y'Akarere ka **KAMONYI 2011 – 2012.**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga Imihigo y'Akarere ka **KAMONYI 2011- 2012**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga urutonde rw'Abajyanama bafashe icyemezo kuri buri ngingo.

NIKUZE Marie Chantal **KARURANGA Emmanuel**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama **Umuyobozi w'Inama Njyanama**